REPUBULIKA Y'U RWANDA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

ITANGAZO RYO KUVUGURURA LISITI Y'ITORA

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora iramenyesha Abanyarwanda bose ko mu rwego rwo kwitegura amatora y'Abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2018, hari igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora kuva tariki **05 kugeza kuya 26 Gicurasi 2018** mu Rwanda hose. Igikorwa cy'ivugurura ry'ilisiti y'itora kirabera mu Midugudu yose, ahagenwe n'ubuyobozi .

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashishikariza Abanyarwanda bose bagejeje igihe cyo gutora, n'ukuvuga abavutse mbere y'umwaka w' 2001 kwihutira kwireba no kwikosoza ku ilisiti y'itora kugirango bazabashe kwitabira amatora y'Abadepite. **By'umwihariko abantu batakiri aho biyandikishije mbere, barasabwa kwihutira kwiyandikisha aho ilisiti ikosorerwa kugirango babashe kwimurirwa aho bifuza kuzatorera.**

Abanyeshuri biga muri za Kaminuza n'Amashuri Makuru bazaba bari mu biruhuko ku munsi w'itora, bandikwa ku ilisiti y'itora y'Umudugudu bateganya kuzatoreramo hakoreshejwe Umugereka wabigenewe;
Naho Abanyeshuri biga bacumbitse mu bigo by'Amashuri yisumbuye bafite imyaka yo gutora bazaba bari mu mashuri igihe cy'itora biyandikisha ku ilisiti y'Umudugudu ikigo cy'ishuri ryabo kirimo ari naho bazatorera muri Nzeri 2018.

Bikorewe i Kigali, kuwa 09 Gicurasi 2018

MUNYANEZA Charles
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora